



IBYO PAPA YIFUZA KO DUSABIRA MU MWAKA WA 2027

MUTARAMA: KUBONERA IMBARAGA MU ISENGESHO

"Nimucyo dusabe kugira ngo, muri Kiliziya, dushobore kubona neza ububasha bw'isengesho, ryo mushyikirano wihariye umuntu agirana na Nyagasani, ugahindura umutima wacu ndetse n'isi."

GASHYANTARE : GUFASHA ABANTU BITA KU BANDI

"Nimucyo dusabire abantu bose bita ku buzima bw'abantu kugira ngo, hamwe n'ukwihangana, ubushishozi n'imbaraga, babone ubwunganizi bwa ngombwa bakeneye, bityo bashobore gufungura inzira z'amizero no gukira ku mutima."

WERURWE : GUSABA NGO ICYUBAHIRO N'UBUTAVOGERWA BYA MUNTU BYUBAHIRIZWE

"Imbere y'umuco ushingiye ku musaruro no guhutiraho, nimucyo dusabe kugira ngo buri wese muri twe ashobore kubona kandi ahe agaciro icyubahiro cya buri muntu."

MATA : UBUGENI NK'IMPANO IHESHA AGACIRO IKIREMWA-MUNTU

"Nimucyo dusabe kugira ngo ubugenzi bwakirwe nk'impano nyayo idufasha kwiyumva nk'abantu, ikazamura roho yacu ikadufasha kurangamira ubwiza bw'Imana mu biremwa byayo. "

GICURASI: AMAHIRWE Y'AKAZI KURI BOSE

"Nimucyo dusabe kugira ngo iterambere ry'ikoranabuhanga ryugurure inzira nshya z'akazi kita ku cyubahiro cya muntu kandi dusabe kugira ngo ubufatanye hagati y'abantu b'ibihe byose bushimangire ejo hazaza aho buri wese ashyira ahagaragara impano ze kugira ngo zigire akamaro mu guharanira inyungu rusange."

KAMENA: IMIKORESHEREZE INOZE Y'UBWENGE BUHANGANO

"Nimucyo dusabe kugira ngo iterambere ry'ubwenge buhangano rihore ryita ku busugire bwa muntu kandi natwe tumenye kubukoreshanya ubushishozi."

NYAKANGA: GUSABIRA BA SOGOKURU, BA NYOGOKURU N'ABAGEZE MU ZABUKURU



Urunana Mpuzamahanga rw'Isengesho rya Papa



IBYIFUZO BYA PAPA ... UBUTUMWA BWA KILIZIYA!

"Nimucyo dusabe kugira ngo muri Kiliziya tumenye guha agaciro ubukungu buri mu kwemera no mu bushishozi dusangana ba sogokuru, ba nyogokuru n'abandi bageze mu zabukuru kandi twigire ku bunararibonye bwabo. "

KANAMA: GUSABIRA UMUHAMAGARO W'URUBYIRUKO

"Nimucyo dusabe kugira ngo urubyiruko ruri gushakisha umuhamagaro warwo, bamenye ko bafatanyije urugendo na Yezu Kristu, uwo bagomba gufungurira umutima. "

NZERI: GUSABIRA IHINDUKA RYITA KU BIDUKIKIJE KU BURYO BUSESUYE

"Nimucyo dusabe kugira ngo tumenye kuvugurura umubano wacu n'ibindi biremwa, tubisigasire, kandi mu kurangamira ibyo Imana yaremeye, tubibonemo inzira y'ubuzima buri ku murongo n'impamvu yo gushimira uwabiremye. "

UKWAKIRA: GUSABIRA AMAKORANIRO Y'ABAKRISTU

" Nimucyo dusabe kugira ngo buri Paruwasi, buri koraniro cyangwa itsinda ry'abakristu bibe ahantu hamamarizwa ubutumwa bityo hategurirwe abigishwa bashya bitangira Ivanjili."

UGUSHYINGO: KWAKIRA ABIMUKIRA

"Nimucyo dusabe kugira ngo abimukira n'abavanywe mu byabo baherekezwe kandi bahozwe n'Umuryango Mutagatifu muri iyo misiragiro, babone ababakirana icyubahiro n'ubuvandimwe bityo bashobore kubana na bo. "

UKUBOZA: GUSABIRA UMUHAMAGARO WO GUSHINGA URUGO RWA GIKRISTU

"Nimucyo dusabe kugira ngo ingo z'abakristu zibe koko abahamya bagaragara b'Ivanjili aho bari, bihatira gucengerwa n'ukwemera, ukwizera n'urukundo."